

<p>MINISITERI Y'UMUTUNGO KAMERE</p> <p>IKIGO CY'IGIHUGU CY'UBUMENYI BW'IKIRERE</p>	<p>P.B. 898 Kigali Tel: 6080 Toll free</p> <p>Fax: (+250)0252 585755 E-mail: info@meteorwanda.gov.rw</p>	
--	---	---

ITEGANYAGIHE SPECIALE N°45

Duhereye ku isesengura ry'ibipimo by'imvura n'iby'ubushyuhe ryakozwe n'impuguke mu by'ubumenyi bw'ikirere muri Africa ndetse n'iz'ibigo by'ubushakashatsi byo hirya no hino ku isi, zahuriye mu kigo cya IGAD Climate Prediction and Applications Center (ICPAC) muri Kenya kuva tariki ya 30 Mutarama-03 Gashyantare 2017, hagamijwe gutangaza iteganyagihe ry'Itumba rya 2017 ku migwire y'imvura mu karere k'ibiyaga bigari aho u Rwanda ruherereye ;

Hakorwa iri tegeyagihe ry'imvura y'Itumba, twifashishije ibipimo by'imvura n'ubushyuhe bwo kuri sitasiyo zo mu Rwanda mu gihe cy'imyaka 30 ishize, iby'ubushyuhe bw'amazi y'inyanja ya Pasifika, iy'Ubuhindi n'iy'Atalantika, n'ibindi bipimo bituruka ku runyurane rw'imiyaga ifata akarere k' Afurika yo hagati n'iy'iburasirazuba.


Dukurikije ko ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa mu bihe byiza by'Itumba (Werurwe, Mata na Gicurasi) iri hagati ya milimetero 300 na 400 z'igiteranyo cy'imvura kuri sitasiyo, imvura nke ikaba iri hasi ya milimetero 300 z'igiteranyo cy'imvura kuri sitasiyo naho imvura nyinshi ikaba iri hejuru ya milimetero 400;

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejewe no gutangariza abaturarwanda bose uko imvura y'Itumba (Werurwe, Mata na Gicurasi) 2017 izaba iteye:

- ❖ Mu bice bimwe by'Intara y'Iburasirazuba (Ngoma, Bugesera, Kirehe, Rwamagana na Kayanza) no mu bice bimwe by'Intara y'Amajyepfo (Kamonyi na Gisagara) hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza by'Itumba ikaba ishobora kugabanuka (kuba nke).
- ❖ Umujyi wa Kigali (Kicukiro, Nyarugenge na Gasabo), ibice bimwe by'Intara y'Amajyepfo (Nyamagabe, Huye, Muhanga, Ruhango, Nyaruguru na Nyanza), Intara y'Amajyaruguru (Musanze, Rulindo, Gakenke, Gicumbi na Burera), Intara y'Uburengerazuba (Rubavu, Rutsiro, Nyabihu, Nyamasheke, Rusizi, Ngororero na Karongi), ibice bimwe by'Intara y'Iburasirazuba (Nyagatare na Gatsibo) hateganyijwe imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza by'Itumba ishobora kuba nyinshi.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ubumenyi bw'Ikirere gikurikije iri teganyagihe ry'imvura y'Itumba rya 2017, kirasaba abataturwanda bose n'abantu bose muri rusange ko byaba byiza begereye impuguke zikora imirimo itandukanye, cyane cyane abakora mu buhinzi n'ubworozi, bakabagira inama ku bijyanye n'ingamba zafatwa.

IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA Y'ITUMBA 2017 (WERURWE, MATA NA GICURASI)



ICYITONDERWA :

Abakeneye ibisobanuro byimbitse bijyanye n'iri teganyagihe ritangajwe muri rusange basabwe kugana Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda), kandi tuzajya tubagezaho impinduka zose zishobora guhindura imiterere y'Iteganyagihe twatanze kandi turabakangurira kujya mukurikirana Iteganyagihe dutanga umunsi ku wundi riboneka ku rubuga rw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubumenyi bwikirere (Meteo-Rwanda): www.meteorwanda.gov.rw

Abakeneye ibindi bisobanuro bahamagara umurongo utishyurwa **6080** cyangwa bakohereza ubutumwa kuri Email :meteorwanda@gmail.com

Bikorewe i Kigali, kuwa 13/02/2017.


John NTAGANDA SEMAFARA
Umuyobozi Mukuru wa Meteo Rwanda

